**ITEGEKO Nº12ter/2014 RYO KUWA 19/05/2014 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBUKERARUGENDO MU RWANDA**

**LAW Nº12ter/2014 OF 19/05/2014 REGULATING THE TOURISM INDUSTRY IN RWANDA**

**LOI Nº12 ter/2014 DU 19/05/2014 PORTANT REGLEMENTATION DE L'INDUSTRIE DU TOURISME AU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: GUTANGA ICYEMEZO CYO GUKORA NO GUSHYIRA MU BYICIRO IBIGO BY'UBUKERARUGENDO**

**Icyiciro cya mbere: Gutanga icyemezo cyo gukora**

**Ingingo ya 3: Icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ubukerarugendo**

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'ibyemezo byo gukora**

**Ingingo ya 5: Gusaba icyemezo cyo gukora**

**Ingingo ya 6: Gusuzuma no gusubiza isaba ry'icyemezo cyo gukora**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definition of terms**

**CHAPTER II: GRANT OF AN OPERATING LICENSE AND GRADING OF TOURISM ENTITIES**

**Section One: Grant of an operating license**

**Article 3: Tourism business operating license**

**Article 4: Categories of operating licenses**

**Article 5 Application for an operating license**

**Article 6: Examination of and reply to an application for an operating license**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définition des termes**

**CHAPITRE II: OCTROI DE LICENCE D'EXPLOITATION ET CLASSIFICATION DES ENTITES DE TOURISME**

**Section première: Octroi de licence d'exploitation**

**Article 3: Licence d'exploitation d'une activité commerciale de tourisme**

**Article 4 : Catégories de licences d'exploitation**

**Article 5: Demande d'une licence d'exploitation**

**Article 6: Examiner et donner suite à une demande de licence d'exploitation et y donner suite**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 7: Igihe icyemezo cyo gukora kimara** | **Article 7: Period of validity of an operating license** | **Article 7: Durée de validité d'une licence d'exploitation** |
| **Ingingo ya 8: Guhererekanya icyemezo cyo gukora** | **Article 8: Transfer of an operating license** | **Article 8: Transfert d'une licence d'exploitation** |
| **Ingingo ya 9: Guhindura icyemezo cyo gukora cyangwa icyiciro** | **Article 9: Variation of an operating license or its category** | **Article 9: Modification d'une licence d'exploitation ou de sa catégorie** |
| **Ingingo ya 10: Guhagarika by'agateganyo icyemezo cyo gukora** | **Article 10: Suspension of an operating license** | **Article 10 : Suspension d'une licence d'exploitation** |
| **Ingingo ya 11: Guhagarika ku bushake ubucuruzi bw'ubukerarugendo** | **Article 11: Voluntary suspension of tourism business** | **Article 11 : Suspension volontaire d'une activité commerciale de tourisme** |
| **Ingingo ya 12: Gutesha agaciro icyemezo cyo gukora** | **Article 12: Cancellation of an operating license** | **Article 12: Annulation d'une licence d'exploitation** |
| **Ingingo ya 13: Ingaruka zo gutesha agaciro icyemezo cyo gukora** | **Article 13: Effects of cancellation of an operating license** | **Article 13: Effets de l'annulation d'une licence d'exploitation** |
| **Icyiciro cya 2: Ibyiciro by'ibigo by'ubukerarugendo** | **Section 2: Categories of tourism entities** | **Section 2: Catégories des entités de tourisme** |
| **Ingingo ya 14: Gushyira mu byiciro ibigo by'ubukerarugendo** | **Article 14: Grading of tourism entities** | **Article 14: Classification des entités de tourisme** |
| **Ingingo ya 15: Icyiciro kitari cyo bikozwe n'ucunga ikigo cy'ubukerarugendo** | **Article 15: Falsification of grade by a tourism entity operator** | **Article 15: Falsification de classification par l'exploitant d'une entité de tourisme** |
| **UMUTWE WA III: INGINGO ZEREKEYE UBUJURIRE** | **CHAPTER III: APPEAL PROVISIONS** | **CHAPITRE III: DISPOSITIONS SUR LE RECOURS** |
| **Ingingo ya 16: Uburenganzira bwo kujuririra icyemezo cy'Urwego** | **Article 16: Right to appeal against the Board's decision** | **Article 16: Droit de recours contre une décision de l'Office** |

**Ingingo ya 17: Ibikurikizwa mu kujurira**

**Ingingo ya 18: Inama y'ubujurire**

**Ingingo ya 19: Igihe ntarengwa cyo kujurira**

**UMUTWE WA IV: UBUGENZUZI BW'IBIGO BY'UBUKERARUGENDO**

**Ingingo ya 20: Uburenganzira bw'Urwego bwo kugenzura ikigo cy'ubukerarugendo**

**Ingingo ya 21: Igenzura ku birebana n'inzu ndangamurage**

**Ingingo ya 22: Igenzura ry'ikigo cy'ubukerarugendo rikozwe n'urundi rwego**

**Ingingo ya 23: Inshingano z'umukozi wemewe zo kugaragaza umwirondoro we igihe cy'igenzura**

**Ingingo ya 24: Gusabwa gutanga imenyesha ry'igenzura**

**Ingingo ya 25: Uburenganzira bw'umukozi wemewe**

**Ingingo ya 26: Gutanga inyandiko igaragazaumutungo wafatiriwe**

**Ingingo ya 27: Ingaruka zo kwanga gukorerwa igenzura**

**Ingingo ya 28: Ububasha bw'ubugenzacyaha**

**Article 17: Procedure for appeal**

**Article 18: Appeal Committee**

**Article 19: Time limit for lodging an appeal**

**CHAPTER IV: INSPECTION OF TOURISM ENTITIES**

**Article 20: Board's right to inspect a tourism entity**

**Article 21: Inspecting a museum**

**Article 22: Inspection of a tourism entity conducted by another organ**

**Article 23: Authorized officer's duty to show his/her identification during inspection**

**Article 24: Duty to give notice of inspection**

**Article 25: Rights of the authorized officer**

**Article 26: Giving a receipt for the seized property**

**Article 27: Effects of refusing an inspection**

**Article 28: Powers of the judicial police**

**Article 17: Procédure de recours**

**Article 18: Comité de recours**

**Article 19: Délai d'introduction de recours**

**CHAPITRE IV: INSPECTION DES ENTITES DE TOURISME**

**Article 20: Droit de l'Office à inspecter une entité de tourisme**

**Article 21: Inspection d'un musée**

**Article 22: Inspection d'une entité de tourisme réalisée par un autre organe**

**Article 23: Obligation de l'agent autorisé de montrer son identité au moment de l'inspection**

**Article 24: Obligation de donner un avis d'inspection**

**Article 25: Droits de l'agent autorisé**

**Article 26: Donner un reçu pour un bien saisi**

**Article 27: Effets du refus d'inspection**

**Article 28: Qualité de police judiciaire**

**Ingingo ya 29: Ifunga ry'ikigo cy'ubukerarugendo**

**UMUTWE WA V: INSHINGANO Z'URWEGO**

**Ingingo ya 30: Kubika ibitabo by'inyandiko**

**Ingingo ya 31: Kugaragaza ibitabo byasomwa na rubanda n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bwakoreshwa**

**Ingingo ya 32: Gutangaza buri mwaka urutonde rw'ibigo by'ubukerarugendo byanditswe n'ibyashyizwe mu byiciro**

**UMUTWE WA VI: IBIGOMBA KUBAHIRIZWA N'IBIGO BY'UBUKERARUGENDO**

**Ingingo ya 33: Kumanika ahagaragara icyemezo cyo gukora**

**Ingingo ya 34: Gushyikiriza Urwego za raporo**

**Ingingo ya 35: Kumenyesha impinduka zabaye mu mirimo y'ubukerarugendo**

**Ingingo ya 36: Ubwishingizi**

**Ingingo ya 37: Uburyozwe ku bikorwa by'intumwa n'abakozi**

**Article 29: Closure of a tourism entity**

**CHAPTER V: OBLIGATIONS OF THE BOARD**

**Article 30: Keeping of registers**

**Article 31: Determination of publicly accessible registers and accessible by other practicable electronic means**

**Article 32: Annual publication of a list of registered and graded tourism entities**

**CHAPTER VI: REQUIREMENTS APPLICABLE TO TOURISM ENTITIES**

**Article 33: Publicly display operating license**

**Article 34: Submit reports to the Board**

**Article 35: Notification of changes to tourism businesses**

**Article 36: Insurance**

**Article 37: Liability for acts of agents and employees**

**Article 29: Fermeture d'une entité de tourisme**

**CHAPITRE V: OBLIGATIONS DE L'OFFICE**

**Article 30: Tenue des registres**

**Article 31: Détermination des registres accessibles au public et accessibles par d'autres moyens électroniques utilisables**

**Article 32: Publication annuelle d'une liste des entités de tourisme enregistrées et leur classification**

**CHAPITRE VI: EXIGENCES IMPOSEES AUX ENTITES DE TOURISME**

**Article 33: Afficher publiquement la licence d'exploitation**

**Article 34: Soumettre des rapports à l'Office**

**Article 35: Notification des modifications apportées aux activités de tourisme**

**Article 36: Assurance**

**Article 37: Responsabilité pour les actes des représentants et employés**

**Ingingo ya 38: Aho uburyozwe bw'ucunga ikigo cy'ubukerarugendo bugarukira**

**Ingingo ya 39: Irengayobora ku byerekeye aho uburyozwe bw'ucunga ikigo cy'ubukerarugendo bugarukira**

**Ingingo ya 40: Irengayobora ku byerekeye aho uburyozwe bw'ucunga ikigo gicumbikira abantu bugarukira**

**Ingingo ya 41: Itangazo ryerekana aho uburyozwe bw'ucunga ikigo cy'ubukerarugendo bugarukira**

**Ingingo ya 42: Kubika umutungo wasizwe n'umukiriya**

**UMUTWE WA VII: UBURENGANZIRA BW'UCUNGA IKIGO CY'UBUKERARUGENDO**

**Ingingo ya 43: Uburenganzira bw'ucunga ikigo gicumbikira abantu gufatira umutungo wasizwe n'umukiriya nk'ingwate y'ubwishyu**

**Ingingo ya 44: Uburenganzira bwo kugurisha umutungo umukiriya yatanzeho ingwate**

**Ingingo ya 45: Ibisabwa mu kugurisha umutungo umukiriya yatanzeho ingwate**

**Article 38: Limitation of the liability of a tourism entity operator**

**Article 39: Exception to the limitation of the liability of a tourism entity operator**

**Article 40: Exception to the limitation of the liability of an operator of an accommodation establishment**

**Article 41: Notice of limitation of the liability of a tourism entity operator**

**Article 42: Keeping the property left behind by the client**

**CHAPTER VII: RIGHTS OF A TOURISM ENTITY OPERATOR**

**Article 43: Article 43: Right of an accommodation establishment operator to seize the property left behind by a client as security for payment**

**Article 44: Right to sell property pledged by a client**

**Article 45: Requirements for the sale of the property pledged by a client**

**Article 38: Limitation de la responsabilité de l'exploitant d'une entité de tourisme**

**Article 39: Exception à la limitation de la responsabilité de l'exploitant d'une entité de tourisme**

**Article 40: Exception à la responsabilité limitée d'un exploitant d'un établissement d'hébergement**

**Article 41: Avis de la responsabilité limitée d'un exploitant d'une entité de tourisme**

**Article 42: Conservation des biens laissés par un client**

**CHAPITRE VII: DROITS D'UN EXPLOITANT D'UNE ENTITE DE TOURISME**

**Article 43: Droit de l'exploitant d'un établissement d'hébergement de saisir des biens laissés par un client comme garantie de paiement**

**Article 44: Droit de vendre les biens donnés en gage par le client**

**Article 45: Conditions de vente des biens donnés en gage par un client**

**Ingingo ya 46: Aho ibivuye mu igurisha ry'umutungo watanzweho ingwate n'umukiriya byerekezwa**

**UMUTWE WA VIII: AMAFARANGA YAKWA MU GUTEZA IMBERE UBUKERARUGENDO**

**Ingingo ya 47: Amafaranga yakwa mu guteza imbere ubukerarugendo**

**UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 48: Ibihano by'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi bijyanye no kutubahiriza iri tegeko**

**Ingingo ya 49: Amafaranga yo kwinjira muri pariki z'igihugu ahantu hakomye n'ahandi hantu hakorerwa ubukerarugendo**

**Ingingo ya 50: Ishoramari ry'ahantu hakomye**

**Ingingo ya 51: Igihe ntarengwa cyo gutangira gukurikiza ibiteganywa n'iri tegeko**.

**Ingingo ya 52: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 53: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 46: Allocation of the proceeds of the sale of the property pledged by a client**

**CHAPTER VIII: TOURISM DEVELOPMENT LEVY**

**Article 47: Tourism development levy**

**CHAPTER IX: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 48: Administrative fines for non-compliance with this law**

**Article 49: Entrance fees to national parks, protected areas and other tourism destinations**

**Article 50: Investments in protected areas**

**Article 51: Deadline for compliance with the provisions of this law**

**Article 52: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 53: Commencement**

**Article 46: Affectation du produit de la vente des biens donnés en gage par un client**

**CHAPITRE VIII: TAXE POUR LE DEVELOPPEMENT DU TOURISME**

**Article 47: Taxe pour le développement du tourisme**

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 48: Amendes administratives pour la non-conformité avec la présente loi**

**Article 49: Droits d'entrée aux parcs nationaux, aux zones protégées et autres sites touristiques**

**Article 50: Investissements dans les zones protégées**

**Article 51: Délai pour se conformer aux dispositions de la présente loi**

**Article 52: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 53: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO Nº12 ter/2014 RYO KU WA 19/05/2014 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBUKERARUGENDO MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHNGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 31 Werurwe 2014;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 30, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano ashyiraho Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Arusha muri Tanzaniya ku tariki 30 Ugushyingo 1999 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zayo. iya 112 n'iya 115;

Ishingiye ku Masezerano yerekeye iyinjizwa rya

**LAW Nº12ter/2014 OF 19/05/2014 REGULATING THE TOURISM INDUSTRY IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 31 March 2014;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 29, 30, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94,108 and 201;

Pursuant to the Treaty for the establishment of the East African Community signed in Arusha, Tanzania on 30 November 1999 as amended to date, especially in Articles 112 and 115;

Pursuant to the Treaty of accession of the Republic

**LOI Nº12 ter/2014 DU 19/05/2014 PORTANT REGLEMENTATION DE L'INDUSTRIE DU TOURISME AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 31 mars 2014;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 29, 30, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94 108 et 201;

Vu le Traité portant création de la Communauté d'Afrique de l'Est signé à Arusha en Tanzanie le 30 novembre 1999 tel que révisé à ce jour, spécialement en ses articles 112 et 115;

Vu le Traité d'adhésion de la République du

Repubulika y'u Rwanda mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba, yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda ku wa 18 Kamena 2007, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo kuwa 28/06/2007;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize y'ubukerarugendo.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **ikigo cy'ubukerarugendo:** ikigocy'ubucuruzi cy'ubukerarugendo harimo resitora, akabari, urubyiniro, icumbi, sosiyete itwara abantu, uyobora ba mukerarugendo, ibiro cyangwa ikigo gitanga amakuru yerekeye ubukerarugendo, ubukerarugendo bushingiye ku muco bwemewe n'Ikigo cy'Ingoro z'Igihugu

of Rwanda to the East African Community, signed in Kampala, Uganda, on 18 June 2007 as ratified by Presidential Order n° 24/01 of 28/06/2007;

Pursuant to Organic Law n°04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this law**

This Law regulates the tourism industry.

**Article 2: Definition of terms**

In this Law, the following terms shall have the meanings below:

1° **tourism entity:** a tourism business enterprise which consists of a restaurant, bar, night club, accommodation establishment, tour operator, tour guide, tourism information office or centre, cultural tourism recognized by the Institute of National Museums of Rwanda and any other entity as may be determined by an

Rwanda à la Communauté d'Afrique de l'Est, signé à Kampala en Ouganda le 18 juin 2007 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n°24/01 du 28/06/2007;

Vu la Loi Organique n°04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte réglementation l'industrie du tourisme.

**Article 2: Définition des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **entité de tourisme:** entreprise commerciale de tourisme qui consiste en un restaurant, un bar, une boîte de nuit, un établissement d'hébergement, une agence de voyage, un guide touristique, un bureau ou un centre d'information sur le tourisme, le tourisme culturel reconnu par l'Institut des Musées Nationaux du Rwanda et toute

z'umurage w'u Rwanda n'ikindi kigo cyose cyagenwa n'Iteka rya Minisitiri;

2° **ikigo gicumbikira abantu:** ikigo gitanga icumbi na serivisi z'ubukerarugendo;

3° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubukerarugendo mu nshingano ze;

4° **ubukerarugendo:** ibikorwa by'umuntu cyangwa itsinda ry'abantu basura ahantu ku mpamvu z'imyidagaduro, ubucuruzi cyangwa izindi mpamvu zose zitarimo guhemberwa icyamujyanye aho hantu;

5° **ucunga ikigo cy'ubukerarugendo:** umuntu ufite ubucuruzi, ukoresha cyangwa ucunga ikigo cy'ubukerarugendo;

6° **umukiliya:** umuntu ukoresha cyangwa wishyura serivisi yahawe n'ikigo cy'ubukerarugendo;

7° **umukozi wemewe:** umukozi wemejwe n'Urwego gukora igenzura ry'ibigo by'ubukerarugendo;

8° **umuntu:** umuntu ku giti cye, koperative, umuryango utari uwa Leta cyangwa isosiyeti y'ubucuruzi;

9° **Urwego:** urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo ubukerarugendo.

Order of the Minister;

2° **accommodation establishment:** an establishment offering lodging and tourism services;

3° **Minister:** the Minister in charge of tourism;

4° **tourism:** activities organised by an individual or a group of persons traveling to a place for entertainment, business or any other reasons except those involving remuneration;

5° **tourism entity operator:** owner of a tourism business, operator or manager of a tourism entity;

6° **client:** person using or paying services offered by a tourism entity;

7° **authorised officer**: officer approved by the Board to evaluate tourism entities;

8° **person:** natural person, cooperative, non-governmental organization or company;

9° **Board:** Government organ in charge of tourism.

autre entité déterminée par un arrêté du Ministre;

2° **établissement d'hébergement:** établissement offrant le logement et les services de tourisme;

3° **Ministre:** le Ministre ayant le tourisme dans ses attributions;

4° **tourisme:** activités en rapport avec le voyage à titre personnel ou en groupe pour des raisons de loisirs, d'affaires ou d'autres motifs sauf la rémunération;

5° **exploitant d'une entité de tourisme:** propriétaire d'une entreprise de tourisme, exploitant ou gestionnaire d'une entité de tourisme;

6° **client:** une personne utilisant ou payant les services offerts par une entité de tourisme;

7° **agent autorisé**: un agent désigné par l'Office pour évaluer les entités de tourisme ;

8° **personne:** personne physique, coopérative, organisation non gouvernementale ou société commerciale;

9° **Office:** organe de l'Etat ayant le tourisme dans ses attributions.

**UMUTWE WA II: GUTANGA ICYEMEZO CYO GUKORA NO GUSHYIRA MU BYICIRO IBIGO BY'UBUKERARUGENDO**

**Icyiciro cya mbere: Gutanga icyemezo cyo gukora**

**Ingingo ya 3: Icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ubukerarugendo**

Ikigo cy'ubukerarugendogishaka gukora ubucuruzi bw'ubukerarugendo kigomba kugira icyemezo cyo gukora cyahawe n'Urwego.

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'ibyemezo byo gukora**

Ibyemezo byo gukora bitangwa mu byiciro bikurikira:

**Icyiciro cya A: Ikigo gicumbikira abantu**

Iki cyemezo cyemerera ugihawe gukora ubucuruzi bwa serivisi zo gucumbikira abantu ku munsi.

**Icyiciro cya B: Resitora, bare n'urubyiniro**

Iki cyemezo cyemerera ugihawe gukora ubucuruzi bwa serivisi za resitora, akabarin'urubyiniro.

**CHAPTER II: GRANT OF OPERATING LICENSE AND GRADING OF TOURISM ENTITIES**

**Section One: Grant of an operating license**

**Article 3: Tourism business operating license**

A tourism entity wishing to operate a tourism business shall have an operating license granted by the Board.

**Article 4: Categories of operating licenses**

Operating licenses shall be granted according to the following categories:

**Category A: Accommodation establishment**

This license shall authorize the holder to sell accommodation services on a daily basis.

**Category B: Restaurant, bar and night club**

This license shall authorize the holder to sell restaurant, bar and night club services.

**CHAPITRE II: OCTROI DE LICENCE D'EXPLOITATION ET CLASSIFICATION DES ENTITES DE TOURISME**

**Section première: Octroi de licence d'exploitation**

**Article 3: Licence d'exploitation d'une activité commerciale de tourisme**

Une entité de tourisme souhaitant entreprendre une activité commerciale de tourisme doit être munie d'une licence d'exploitation délivrée par l'Office.

**Article 4 : Catégories de licences d'exploitation**

Les licences d'exploitation sont octroyées selon les catégories suivantes:

**Catégorie A :Etablissement d'hébergement**

Cette licence confère à son détenteur l'autorisation de s'engager dans le commerce des services d'hébergement au quotidien.

**Catégorie B: Restaurant, bar et boîte de nuit**

Cette licence confère à son détenteur l'autorisation de s'engager dans le commerce des services de restaurant, de bar et de boîte de nuit.

**Icyiciro cya C: Gutwara no kuyobora ba mukerarugendo**

Iki cyemezo cyemerera ugihawe gukora ubucuruzi bwa serivisi zo gutwara no kuyobora ba mukerarugendo.

**Icyiciro cya D: Gutanga amakuru yerekeye ubukerarugendo**

Iki cyemezo cyemerera ugihawe gutanga serivisi zo gutanga amakuru yerekeye ubukerarugendo.

**Icyiciro cya E: Ubukerarugendo bushingiye ku muco**

Iki cyemezo cyemerera ugihawe gutanga serivisi zijyanye n'ubukerarugendo bushingiye ku muco n'ibindi bifitanye isano n'umuco gakondo w'Igihugu.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi byiciro by'ibyemezo byo gukora n'ibikubiye muri buri cyemezo cyo gukora.

**Ingingo ya 5: Gusaba icyemezo cyo gukora**

Ikigo cy'ubukerarugendo gishaka icyemezo cyo gukora kibisaba Urwego mu nyandiko.

Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo ikigo cy'ubukerarugendo cyemererwe gukora.

**Category C: Tour operator and tour guide**

This license shall authorize the holder to sell tour operator and guide services.

**Category D: Tourism information**

This license shall authorize the holder to provide tourism information services.

**Category E: Cultural tourism**

This license shall authorize the holder to provide services related to cultural tourism and other services related to national traditional culture.

An Order of the Minister may determine other categories of operating licenses and the content of each of them.

**Article 5 Application for an operating license**

A tourism entity seeking an operating license shall apply to the Board.

An Order of the Minister shall determine the requirements for a tourism entity to be granted an

**Catégorie C: Agence de voyage et guide dans le domaine du tourisme**

Cette licence confère à son détenteur l'autorisation de s'engager dans le commerce des services d'agence de voyage et de guide dans le domaine du tourisme.

**Catégorie D:Information sur le tourisme**

Cette licence confère à son détenteur l'autorisation de fournir des services d'information sur le tourisme.

**Catégorie E: Tourisme culturel**

Cette licence confère à son détenteur l'autorisation de fournir des services sur le tourisme culturel et d'autres services liés à la culture traditionnelle nationale.

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres catégories de licences d'exploitation et le contenu de chacune d'elles.

**Article 5: Demande d'une licence d'exploitation**

Une entité de tourisme qui désire obtenir une licence d'exploitation adresse sa demande à l'Office.

Un arrêté du Ministre détermine les conditions requises d'octroi d'une licence d'exploitation à une

Rigena kandi amafaranga yishyurwa kuri buri cyemezo cyo gukora.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Gusuzuma no gusubiza isaba ry'icyemezo cyo gukora**

Iyo Urwego rumaze kwakira isaba ry'icyemezo cyo gukora, rukora isuzuma kandi rugasubiza mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe rwakiriye ubusabe, rugaragaza ko ikigo cy'ubukerarugendo:

1° cyemerewe icyemezo cyo gukora;
2° kigomba kuzuza ibibura mu bisabwa;
3° kitemerewe gukora n'impamvu.

**<u>Ingingo ya 7:</u> Igihe icyemezo cyo gukora kimara**

Icyemezo cyo gukora nta gihe kigenwe kimara.

Icyakora, gishobora guteshwa agaciro cyangwa gukurwaho hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Guhererekanya icyemezo cyo gukora**

Uwahawe icyemezo cyo gukora bishingiye kuri iri tegeko ntashobora kugihererekanya n'undi

operating license. It shall also determine fees paid for each operating license.

**<u>Article 6</u>: Examination of and reply to an application for an operating license**

Upon receipt of an application for an operating license, the Board shall assess the application and reply in writing within a period not exceeding fifteen (15) days from the receipt of the application, specifying that the tourism entity :

1° has been granted an operating license;
2° has to add missing documents to its application dossier;
3° has been denied a license and reasons for denial.

**<u>Article 7</u>: Period of validity of an operating license**

An operating license shall be valid for an unspecified period.

However, it may be cancelled or revoked in accordance with the provisions of this Law.

**<u>Article 8</u>: Transfer of an operating license**

The holder of an operating license granted under this law shall not transfer the license to a third party

entité de tourisme. Il détermine également les frais à payer pour chaque licence d'exploitation.

**<u>Article 6</u>: Examiner et donner suite à une demande de licence d'exploitation**

Après la réception d'une demande de licence d'exploitation, l'Office examine la demande et y réserve une suite écrite dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter de la réception de la demande en précisant que l'entité de tourisme:

1° s'est vu accorder une licence d'exploitation;
2° doit ajouter les pièces qui manquent dans son dossier de demande;
3° s'est vu refuser une licence et les motifs de refus.

**<u>Article 7:</u>Durée de validité d'une licence d'exploitation**

La durée de validité d'une licence d'exploitation est indéterminée.

Toutefois, elle peut être annulée ou révoquée conformément aux dispositions de la présente loi.

**<u>Article 8</u>: Transfert d'une licence d'exploitation**

Le titulaire d'une licence d'exploitation accordée en vertu de la présente loi ne peut pas la transférer à un

muntu atabiherewe uruhushya n'Urwego.

**Ingingo ya 9: Guhindura icyemezo cyo gukora cyangwa icyiciro**

Gusaba guhindura icyemezo cyo gukora cyangwa icyiciro bikorwa mu nyandiko mu buryo bugenwa n'Urwego.

Iteka rya Minisitiri rigena amafaranga atangwa mu gusaba guhindura icyemezo cyo gukora cyangwa icyiciro.

**Ingingo ya 10: Guhagarika by'agateganyo icyemezo cyo gukora**

Urwego rushobora guhagarika by'agateganyo icyemezo cyo gukora igihe ikigo cy'ubukerarugendo gisabwa gukosora cyangwa kuzuza ibisabwa n'Urwego.

Iyo hari impamvu yihutirwa yaba ibangamiye ubuzima, ibidukikije cyangwa umutekano w'abantu, urundi rwego rubifitiye ububasha ruhagarika by'agateganyo ikigo cy'ubukerarugendo rukabimenyesha Urwego mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) kugira ngo rufate icyemezo mu gihe cy'iminsi itanu (5).

**Ingingo ya 11: Guhagarika ku bushake ubucuruzi bw'ubukerarugendo**

Ikigo cy'ubukerarugendo gishaka guhagarika ku

without authorization from the Board.

**Article 9: Variation of an operating license or its category**

The application for variation of an operating license or its category shall be made in writing in accordance with modalities determined by the Board.

An Order of the Minister shall determine fees for the application for the variation of an operating license or its category.

**Article 10: Temporary suspension of an operating license**

The Board may temporarily suspend an operating license in case a tourism entity is requested to make corrections or fulfil the conditions required by the Board.

Where there is an emergency that may jeopardize health, environment or public safety, another relevant entity shall temporarily suspend the tourism entity and inform in writing the Board within two (2) days in order for the Board to make a decision within five (5) days.

**Article 11: Voluntary suspension of tourism business**

A tourism entity wishing to voluntarily suspend

tiers sans l'autorisation de l'Office.

**Article 9: Modification d'une licence d'exploitation ou de sa catégorie**

La demande de modification d'une licence d'exploitation ou de sa catégorie se fait par écrit selon les modalités déterminées par l'Office.

Un arrêté du Ministre détermine les frais de demande de modification d'une licence d'exploitation ou de sa catégorie.

**Article 10 : Suspension temporaire d'une licence d'exploitation**

L'Office peut suspendre temporairement une licence d'exploitation au cas où une entité de tourisme est sommée de faire des corrections ou de remplir les conditions exigées par l'Office.

S'il y a une situation d'urgence qui peut nuire à la santé, à l'environnement ou à la sécurité publique, une autre entité compétente suspend temporairement une entité de tourisme et en informe par écrit l'Office dans un délai ne dépassant pas deux (2) jours pour permettre à l'Office de prendre une décision dans un délai de cinq (5) jours.

**Article 11 : Suspension volontaire d'une activité commerciale de tourisme**

Une entité de tourisme souhaitant suspendre

bushake ubucuruzi bw'ubukerarugendo kigomba gusubiza Urwego icyemezo cyo gukora mu minsi cumi n'itanu (15) nyuma yo guhagarika imirimo yacyo.

**Ingingo ya 12: Gutesha agaciro icyemezo cyo gukora**

Urwego rushobora gutesha agaciro icyemezo cyo gukora iyo uwahawe icyo cyemezo:

1° atubahirije ibiteganywa n'iri tegeko n'ibikubiye mu cyemezo cyo gukora yahawe;

2° ateza ikibazo gikomeye ku bidukikije, ku buzima cyangwa kumutekano w'abantu;

Iyo Urwego rugiye gutesha agaciro icyemezo cyo gukora, kibimenyesha mu nyandiko ikigo cy'ubukerarugendo nibura iminsi mirongo itandatu (60) mbere yuko icyemezo cyo gukora giteshwa agaciro.

Icyakora, iyo ikigo cy'ubukerarugendo gifite icyemezo cyo gukora giteza ikibazo gikomeye ku bidukikije, ku buzima cyangwa kumutekano w'abantu, Urwego rushobora guhita rucyambura icyo cyemezo nta nteguza.

**Ingingo ya 13: Ingaruka zo gutesha agaciro icyemezo cyo gukora**

Ikigo cy'ubukerarugendo cyatesherejwe agaciro icyemezo cyo gukora kandi ubujurire buvugwa

tourism business shall return to the Board the operating license within fifteen (15) days after cessation of activities.

**Article 12: Cancellation of an operating license**

The Board may cancel an operating license if the licensee:

1° fails to comply with the provisions of this Law and the terms and conditions of his/her operating license;

2° seriously jeopardizes environment, health or public safety.

In case the Board considers cancelling an operating license, it shall notify in writing the tourism entity at least sixty (60) days before the cancellation of the license.

However, in case a tourism entity holding an operating license seriously jeopardizes environment, health or public safety, the Board may immediately withdraw the license from the tourism entity without notice.

**Article 13: Effects of cancellation of an operating license**

A tourism entity whose operating license has been cancelled and whose appeal provided for under this

volontairement une activité commerciale de tourisme retourne à l'Office sa licence d'exploitation dans un délai de quinze (15) jours après la cessation de ses activités.

**Article 12: Annulation d'une licence d'exploitation**

L'Office peut annuler la licence d'exploitation si le titulaire :

1° ne se conforme pas aux dispositions de la présente loi et les termes et conditions de sa licence d'exploitation;

2° compromet sérieusement l'environnement, la santé ou la sécurité publique.

Lorsque l'Office envisage d'annuler une licence d'exploitation, elle en informe, par écrit, l'entité de tourisme au moins soixante (60) jours avant l'annulation de la licence.

Toutefois, lorsqu'une entité de tourisme disposant d'une licence d'exploitation compromet sérieusement l'environnement, la santé ou la sécurité publique, l'Office peut immédiatement lui retirer la licence sans préavis.

**Article 13: Effets de l'annulation d'une licence d'exploitation**

Une entité de tourisme dont la licence d'exploitation a été annulée et dont le recours visé

muri iri tegeko bwaranzwe kigomba:

1° guhagarika imirimo yacyo nyuma y'iteshagaciro ry'icyemezo cyo gukora;

2° gusubiza Urwego icyemezo cyo gukora mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye ku itariki cyatesherejweho agaciro.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibyiciro by'ibigo by'ubukerarugendo**

**<u>Ingingo ya 14</u>: Gushyira mu byiciro ibigo by'ubukerarugendo**

Urwego rushyira mu byiciro ibigo by'ubukerarugendo rushingiye ku bwiza n'ibipimo ngenderwaho.

Iteka rya Minisitiri rigena ibipimo ngenderwaho mu gushyira mu byiciro ibigo by'ubukerarugendo.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Icyiciro kitari cyo bikozwe n'ucunga ikigo cy'ubukerarugendo**

Mu gihe ikigo cy'ubukerarugendo cyashyizwe mu cyiciro hashingiwe kuri iri tegeko, ucunga ikigo cy'ubukerarugendo ntashobora gusobanura cyangwa gufata aho hantu ko hari mu cyiciro gitandukanye n'icyiciro yahawe n'Urwego.

Law has been rejected shall:

1° cease its activities after the cancellation of its operating license;

2° return the operating license to the Board within fifteen (15) days from the date of cancellation.

**<u>Section 2</u>: Categories of tourism entities**

**<u>Article 14</u>: Grading of tourism entities**

The Board shall grade tourism entities based on quality and applicable standards.

An Order of the Minister shall determine the standards for the grading of tourism entities.

**<u>Article 15</u>: Falsification of grade by a tourism entity operator**

Where a tourism entity has been graded under this law, the operator cannot describe or hold out such premises as being of a grade other than the one assigned to it by the Board.

par la présente loi a été rejeté doit :

1° cesser ses activités après l'annulation de sa licence d'exploitation;

2° retourner sa licence d'exploitation à l'Office endéans quinze (15) jours à compter de la date de l'annulation.

**<u>Section 2</u>: Catégories des entités de tourisme**

**<u>Article 14</u>: Classification des entités de tourisme**

L'Office classifie les entités de tourisme eu égard à la qualité et aux normes applicables.

Un arrêté du Ministre détermine les normes de classification des entités de tourisme.

**<u>Article 15</u>: Falsification de classification par l'exploitant d'une entité de tourisme**

Lorsqu'une entité de tourisme a été classée en vertu de la présente loi, l'exploitant ne peut décrire ou tenir ces lieux comme étant de la catégorie différente de celle qui lui a été assignée par l'Office.

**UMUTWE WA III: INGINGO ZEREKEYE UBUJURIRE**

**Ingingo ya 16: Uburenganzira bwo kujuririra icyemezo cy'Urwego**

Umuntu wese wabangamiwe n'icyemezo cy'Urwego ashobora kujuririra Inama y'ubujurire iteganywa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko.

Ubujurire buhagarika icyemezo cy'Urwego keretse iyo cyafashwe hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 12y'iri tegeko.

**Ingingo ya 17: Ibikurikizwa mu kujurira**

Ubujurire bwatanzwe hakurikijwe ingingo ya 16 y'iri tegeko iyi bukorwa mu nyandiko kandi bukagaragaza impamvu z'ubujurire, buherekejwe n'indi nyandiko mvugo iyo ariyo yose cyangwa inyandiko ujurira atanga ashyigikira icyo asaba.

**Ingingo ya 18: Inama y'ubujurire**

Mu gusuzuma ubujurire, Minisitiri ashyiraho buri myaka ibiri (2) inama y'ubujurire igizwe n'uhagarariye Minisiteri, uhagarariye Urwego n'abantu babiri (2) bahagarariye urugaga rw'abikorera kugira ngo basuzume ibirego by'ubujurire kandi babifatire imyanzuro mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) babishyikirijwe.

**CHAPTER III: APPEAL PROVISIONS**

**Article 16: Right to appeal against the Board's decision**

Any person aggrieved by a decision of the Board shall have the right to appeal to the Appeal Committee provided for under Article 18 of this Law.

The appeal shall suspend the enforcement of the Board's decision, unless the decision is made under Article 12 of this Law.

**Article 17: Procedure for appeal**

An appeal made under Article 16 of this Law shall be made in writing, state the grounds for appeal and be accompanied by any other written statement or document that the appellant submits in support of his/ her request.

**Article 18: Appeal Committee**

For the consideration of appeals, the Minister shall appoint, every two (2) years, an appeal Committee which is comprised of a representative of the Ministry, a representative of the Board and two (2) representatives of the Private Sector to deliberate on appeals and decide thereon within thirty (30) days from the date the appeals are made.

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS SUR LE RECOURS**

**Article 16: Droit de recours contre la décision de l'Office**

Toute personne lésée par une décision de l'Office a le droit d'introduire un recours devant le Comité de recours prévu à l'article 18 de la présente loi.

L'introduction de recours suspend l'exécution de la décision de l'Office, sauf si la décision est prise en vertu de l'article 12 de la présente loi.

**Article 17: Procédure de recours**

Un recours introduit en vertu de l'article 16 de la présente loi doit être fait par écrit, indiquer les motifs de recours et accompagné de toute autre déclaration écrite ou document que la personne ayant introduit le recours fait valoir à l'appui de sa demande.

**Article 18: Comité de recours**

En vue de l'examen des recours, le Ministre désigne, tous les deux (2) ans, un Comité de recours composé d'un représentant du Ministère, un représentant de l'Office et deux (2) représentants du secteur privé pour délibérer sur les recours introduits et y statuer dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la date d'introduction des recours.

Minisitiri ashyiraho umuyobozi n'umwanditsi b'Inama y'ubujurire.

Mu gihe hasuzumwa ubujurire, uwajuriye atumirwa mu nama akayitabira ubwe cyangwa akohereza umuhagarariye.

**Ingingo ya 19: Igihe ntarengwa cyo kujurira**

Umuntu wabangamiwe n'icyemezo cy'Urwego ajurira mu minsi mirongo itatu (30) abonye inyandiko imumenyesha kimwe mu bikorwa biteganywa n'iri tegeko.

**UMUTWE WA IV: UBUGENZUZI BW'IBIGO BY'UBUKERARUGENDO**

